



# LIDA Stories

[lidastories.net](http://lidastories.net)

**Gushakana n'umusaza / Ein  
gammal mann som kjærest**

✎ Aranya  
& Sunniva Høyby-Øiset

✎ Abisange Iragna Sandrine (rw), Espen  
Stranger-Johannessen (n)



This work is licensed under a Creative Commons  
[Attribution 4.0 International License](https://creativecommons.org/licenses/by/4.0).  
<https://creativecommons.org/licenses/by/4.0>

**Gushakana n'umusaza  
Ein gammel mann som kjærest**



✎ Aranya

✎ Sunniva Høyby-Øiset  
✎ Abisange Iragna Sandrine

|| 5

😊 Ikinyarwanda (rw) / nynorsk (nn)



Nibwiraga ko abagabo bo muri Noruveje ari bo ba mbere ku isi, ariko si ko biri. Mbere y'uko mpura n'uwabaye umugabo wanjye, nakoraga mu ruganda muri Bangkok, we atuye muri Pattaya. Twahuriye kuri Interineti duhita dutangira gukundana.


...

Eg trudde norske menn var dei beste mennene i verda, men det stemmer ikkje! Før eg møtte han som skulle bli ektemannen min, jobba eg på ein fabrikk i Bangkok, medan han budde i Pattaya. Vi vart kjente gjennom Internett og vart etter kvart saman.

Efter ei stund bestemte vi oss for å gifte oss. Eg kom frå ein fattig familie, så det å ha ein utanlandsk ekte mann som kunne forsørge familien min, var ein del av grunnen til at eg gifta meg med han.

...

Nyuma y'igihwe twemeranyije kubana. Umuryango wanjye urakenyeye, ku bw'ibyo, kugira umugabo w'umuzungu uzita ku muryango wanjye ni imwe mu mpamvu zatumye mbana na we.





Twimukiye muri Noruveje mpita njya mu ishuri kwiga ikinoruveje. Byari ibihe bigoye. Kubera ko nta perimi nari mfite, umugabo wanjye yantwaraga ku ishuri, akantegereza akanangarura. Harimo urugendo rw'isaha imwe mu kugenda gusa. Nyuma y'igihe twimukiye hafi yaho, ariko yahisemo gukomeza kujya anjyana ku ishuri. Ntiyashakaga ko ngenda nnyenyine.

...

Vi flytta til Noreg, og eg byrja å gå på skule for å lære norsk. Det var vanskelege tider. Eg hadde ikkje førarkort, og mannen min var nøydd til å køyre meg til skulen, vente på meg og køyre meg tilbake. Det tok éin time kvar veg. Etter ei stund flytta vi nærare, men likevel insisterte han på å køyre meg til skulen. Han ville ikkje at eg skulle gå åleine.



Sinzi ibyo igihe kizaza gihishe. Gahunda mfite ni uguhindura ikigo, ariko umugabo wanjye ntabishaka. Ari guteganya kwimukira ahandi kugira ngo ananize. Nzabyanga, ariko sinzi uko nzabigenza. kuba mu mahanga ubana n'umugabo w'umusaza ntibyoroshye nk'uko nabitekerereza.

...

Eg veit ikkje kva framtida vil bringe. Planen min er å bryte på ein annan skule, men mannen min vil ikkje at eg skal gjere det. Han planlegg å flytte lengre vekk for å gjere det vanskeleg for meg. Eg vil gjere motstand, men eg veit ikkje korleis. Det er ikkje så lett å bu i utlandet med ein gammal mann slik eg ein gong såg for meg.



Kuva naza muri Noruveje sinigeze ntunga ifaranga. Rimwe umugabo wanjye yampaye amafaranga yo kurya, ariko kubera ko ari two nari mbonye, naratubitse. ku ishuri, inshuti zanjye zifuza kumfasha kubona akazi, ariko umugabo wanjye ntabishaka. Yumva ko ngo gukora amasuku ari akazi katanwirirye.

...


Eg har nesten ikkje hatt pengar sidan eg kom til Noreg. Ein gong gav han meg pengar til lunsj, men sidan eg hadde så lite pengar, behaldt eg dei. Vennene mine på skulen vil hjelpe meg med å skaffe meg ein jobb, men mannen min seier at eg ikkje kan det. Han synest ikkje jobben som reinhaldar passar for meg.



Ahubwo yampaye akandi kazi ko kubaka igaraje. Kubera ko we yari boshiye, ni njye wakoraga buri kimwe. Ntiyakoraga byinshi kuko yari arwaye. Ku mafaranga yakuye mu kubaka igaraje ntiyampayeho na make.

...

I staden hadde han ein annan jobb for meg – å bygge ein garasje. Han var sjefen og eg gjorde alt. Han kunne ikkje gjere så mykje fordi han var sjuk. Han gav meg ingen av pengane han tente frå å bygge garasjen.



Umunsi umwe, yambwiye ko ngo irungu rimwica iyo yasigaye mu rugo wenyine, maze afata umwanzuro ko tugomba gucirira imbwa. Njye nta mbwa nashakaga kuko navaga ku ishuri naniwe kandi nabaga mfite imikoro. Yavuze ko ari we uzajya atembereza imbwa buri munsi, ariko nyuma y'ibyo akaba ari njye nyitaho na we nkamwitaho.

...

Ein dag sa han til meg at han kjeda seg når han var åleine heime, så han bestemte seg for at vi skulle skaffe oss ein hund. Eg ville ikkje ha ein hund sidan eg var sliten etter skulen og hadde lekser. Han sa at han skulle gå tur med hunden kvar dag, men til slutt måtte eg passe både hunden og den gamle mannen min.